Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ikunda kuvuga kenshi igira iti: YA MUQALIBAL QULUBI THABIT QALBII ALA DIINIKA: Yewe uhindura imitima y'abantu, ha umutima wanjye gushikama ku idini ryawe

Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ikunda kuvuga kenshi igira iti: YA MUQALIBAL QULUBI THABIT QALBII ALA DIINIKA: Yewe uhindura imitima y'abantu, ha umutima wanjye gushikama ku idini ryawe", nuko ndavuga nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Twarakwemeye twemera n'ibyo wahishuriwe, ese waba ufite ubwoba bw'ibizatubaho? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Yego, mu by'ukuri imitima iri hagati y'intoki ebyiri mu ntoki za Allah, ayihindagura uko ashatse!"

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Tirmidhi na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ikunda gusaba Allah kenshi kumuha gushikama ku idini no ku kumvira Allah, no kumurinda gutana ndetse n'ubuyobe. Nuko bitangaza Anas Ibun Malik (Imana imwishimire) uburyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ikunda gusaba ubwo busabe, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imubwira ko imitima y'abantu iri hagati y'intoki ebyiri za Allah ayihindagura uko ashatse. Bityo umutima nicyo gicumbi cy'umwemera n'ubuhakanyi, wiswe umutima kubera ko uhindagurika kenshi, kugeza ubwo uhindagurika kuruta inkono ibirira kuziko. Uwo Allah ashatse aha umutima we gushikama ku muyoboro w'ukuri no ku kwemera, n'uwo ashatse yima umutima we kuyoboka, agahitamo ubuyobe.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3142